

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITERI Y’UBUTABERA

IJAMBO RYA MINISITIRI W’UBUTABERA AKABA N’INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA Y’ABAYOBOZI

“SOBANUKIRWA IBYAHA UBYIRINDE; TURWANYE IHOHOTERWA RIKORERWA MUNGO, NIRIKORERWA ABANA”

NYANZA, KUWA 11/02/2020

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y' Amajyepfo ;

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha ;

Bayobozi bakuru ba Polisi n'Ingabo ;

Nyakubahwa Mayor w' Akarere ka Nyanza ;

Banyakubahwa Bayobozi ;

Bafatanyabikorwa b'Akarere ka Nyanza;

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Mwaramutse,

Ndashimira abateguye iyi gahunda yo kuganira ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, irikorera mu ngo ndeste n'irikorerwa abana by'umwihariko kubasambanya.

Nongeye kandi gushimira namwe mwese baturirwa n'abafatanyabikorwa muri iyi gahunda yo guhashya iki kibazo yateguwe na RIB.

Ihohoterwa rikorerwa mu ngo usanga ahanini riterwa n' urusobe rw' ibindi byaha, birimo nko gucana inyuma hagati y'abashakanye, gukoresha umutungo w'urugo ntabwumvikane, gutererana abana no kwihunza inshingano kenshi na kenshi bikaba byatera ubukene. Ni ikibazo kibasira abantu b'ingeri zose cyane cyane ab'igitsina gore. Iri hohoterwa rigira ingaruka ku wahohotewe, ku bana ku umuryango we ndetse no ku muryango nyarwanda muri rusange.

Intara y'Amajyepfo iri kumwanya wa gatatu (3) mu byaha byose muri rusange, aho mu mwaka wa 2019, RIB yagenjeje ibyaha 10, 924.

Akarere ka Nyanza by'umwihariko kari ku mwanya wa (26) mubyaha byose muri rusange, ku bw'imwihariko Nyanza hakaba haragaragaye ibyaha byo **gusambanya abana 60, no **guhohotera uwo bashakanye ibyaha 24**. Ibi ni byaha byakurikiranywe dosiye zoherezwa mu Bushinjacyaha.**

Mwumvise ko imibare iri hejuru, abagore baracyahohoterwa cyane, kandi ikibabaje cyane nuko aba bagore bahohoterwa n'abo bashakanye, aribo bakabayeye babarinda banabarengera.

Abana nabo baracyasambanywa, gutwita imburagihe ndetse no kubyara no kurera, bikabaviramo ingaruka nyinshi harimo imfu, ihungabana, guta amashuri n'ibindi kandi nyamara nabo bagikeneye kurerwa.

Kugira ngo iki kibazo kibashe kubonerwa umuti, **turasaba** ubufatanye bw'inzego zitandukanye zaba iza leta cyangwa iz' abikorera ku giti cyabo.

Kuburyo bw'umwihariko mwebwe muri hano muhagarariye inzego z'Igihugu zitandukanye, turabasaba kugaragaza ko murambiwe ibi byaha kuko bibangamiye Umuryango Nyarwanda. Dufatanye kubirwanya twivuye inyuma, tugaragaze ko tubirambiwe aho dutuye.

Igihe kirageze ko rero twese twamagana iri hohoterwa kuko uyu si umuco nyarwanda, nkaba nsaba ko twese tubyamagana kandi tukagira uruhare rufatika kandi rugaragara mu kubikumira no gutuma ababikoze babiryoza ku buryo bibera abandi urugero bityo uyu muco mubi ugacika burundu, kuko dufite amategeko ahana ibyo byaha.

Ndagirango nibutse abayobozi bose muri hano ko buri wese afite uruhare mu gukumira no kurandura iki cyago.

Mugomba gushakisha ingamba nshya zidasanzwe zo gukumira amakimbirane yo mu ngo kuko:

- Nta mpamvu n'imwe iha umugabo cyangwa umugore guhohotera uwo bashakanye cyangwa umwana we.
- Umwana agomba kurindwa gusambanywa n'ihohotera iryo ariryo ryose.
- Guhagurukira iterwa ry'inda ry'abana abangavu.
- Ababyeyi bacu, abo twashakanye, abavandimwe ndetse n'abana bacu bagomba kurindwa ihohoterwa iryo ariryo ryose kabone n'ubwo byatwara ikiguzi kinini.
- Guca umuco wo guceceka no kunga imiryango y'abana basambanyijwe n'abasambanyije bikorwa n'ababyeyi bamwe babifashijwemo n'abayobozi bamwe.

Iyo dukoze ibisabwa hakagira uducika agakora ibyo byaha, ningombwa ko habaho gutanga amakuru hakiri kare kugirango uwahohotewe yitabweho, avurwe ndetse ahabwe n'ubutabera bunoze.

Ibyo birasaba ko buri wese aba ijisho rya mugenzi we, agatangira amakuru ku gihe. Nagirango kandi nibutse yuko itegeko rihana umuntu wese uhisha cyangwa uhishira icyaha cy'ubugome cyane cyane ihohoterwa ryo mu ngo, no gusambanya abana ibi tukaba tubivuga kuko tumaze iminsi tubona aho bamwe mu Bayobozi b'inze z'ibanze bagerageza kunga abahohotewe n'ababahohoteye. Biteye isoni kumva ko Umuyobozi w'Umudugudu yakunga umuryango w'umwana wasambanyijwe n'uwamuhohoteye, kandi ibi ntiduteze na rimwe kuzabyihanganira. Ndagira ngo nsoze mbonereho umwana wo gusaba abaturage bo mu karere ka Nyanza bese gukomeza gusenyerera umugozi umwe, mu gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Ndashimira abagize uruhare muri iki gikorwa bese, kandi mbasaba gukomeza urugamba n'ubufatanye musanganywe mu kwamagana no kurandura burundu ihohoterwa kugirango umunyarwanda abeho mu mahoro bityo umuryango Nyarwanda utekane bitume ubasha gutera imbere

Murakoze cyane!